REPUBULIKA Y'U RWANDA

IBIRO BYA MINISITIRI W'INTEBE

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MINISITIRI W'INTEBE, ANASTASE MUREKEZI, MU BIRORI BYA YUBILE Y'IMYAKA 25 YA DIYOSEZE YA GIKONGORO, NA YUBILE Y'IMYAKA 25 Y'UBUSASERIDOTI YA MUSENYERI HAKIZIMANA SELESITINI

Nyamagabe kuwa 01/07/2017

- **Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu,**
- **Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Amajyepfo,**
- **Nyiricyubahiro Musenyeri Perezida w'Inama Nkuru y'Abepisikopi mu Rwanda,**
- **Nyiricyubahiro Musenyeri wa Diyosezi ya Gikongoro,**
- **Ba Nyiricyubahiro Abepisikopi bandi muri hano n'abandi bahagarariye Amadini n'Amatorero,**
- **Bayobozi b'Inzego zitandukanye muri hano,**
- **Abapadiri n'Abihaye Imana mwese,**
- **Babyeyi, Bavandimwe, Bakirisitu ba Diyoseze ya Gikongoro muteraniye hano muri Sitade ya Nyamagabe,**

1. Nongeye kubaramutsa, Mugire amahoro (!)

2. Mu izina rya Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, wantumye kumuhagararira muri uyu muhango, nejejwe no kwifatanya namwe mwese, muri ibi birori bya Yubile y'imyaka 25 ya Diyoseze ya Gikongoro, na Yubile y'imyaka 25 y'ubusaseridoti ya Nyiricyubahiro Musenyeri Selesitini Hakizimana. Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame yifatanyije namwe muri ibi byishimo bya Yubile mwateguriwe n'Imana. Turishimira kandi ko iyi Yubile yahuriranye n'Umunsi Mukuru w'Ubwigenge bw'Igihugu cyacu kuri iyi tariki ya mbere y'Ukwezi kwa Nyakanga.

3. Nyakubahwa Perezida wa Repubulika arashimira by'umwihariko Diyosezi ya Gikongoro na Kiliziya Gatolika muri rusange, kubera ko muri bamwe mu Bafatanyabikorwa beza ba Leta. Uruhare mugira mu guteza imbere ibikorwa bitandukanye birimo ibyo mu rwego rw'Uburezi, Ubuzima, Imibereho Myiza y'Abaturage n'Ubukungu, ni umusanzu wanyu ukomeye ku iterambere ry'Igihugu cyacu. Arabasezeranya ubufatanye bwe buzahoraho.

4. Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame by'umwihariko, yantumye kubabwira ko umuhanda wa kaburimbo uzahuza Akarere ka Huye n'aka Nyaruguru, ukazanyura i Kibeho, ku butaka butagatifu, muri Diocese ya Gikongoro, uzatangira gukorwa mu gihe cya vuba.

- **Nyiricyubahiro Musenyeri Selesitini Hakizimana,**
- **Bakristu ba Diyoseze ya Gikongoro,**

5. Iyi Diyoseze muyobora imaze imyaka 25 ishinzwe. Nk'uko byasobanuwe neza, yashinzwe na Mutagatifu Papa Yohani Pawulo wa II wanasuye u Rwanda mu 1992 ubwo yari akiri Papa. Ibi ubwabyo ni umwihariko wo gushimira Imana, no guhamya ukwemera duhuriyeho.

6. Undi mwihariko w'iyi Diyoseze ni uko ariyo Umubyeyi Bikirimariya yatoranyije ngo aze kuyibonekeramo hariya i Kibeho muri Nyaruguru guhera mu 1981. Ibi ni umugisha, ni ikimenyetso cy'urukundo n'impuhwe nyinshi.

7. Andi mahirwe adasanzwe iyi Diyoseze ya Gikongoro ifite, ni ukugira Nyiricyubahiro Musenyeri Selesitini Hakizimana nk'Umushumba w'Intama za Gikongoro, zahungabanye kenshi mu mateka y'u Rwanda. Urukundo ruhebuje rwo kwitangira abandi bibaranga, byarushijeho kwigaragaza cyane muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ubwo mwagaragaje muri Centre Pastoral St Paul i Kigali, ko muri Umushumba mwiza udatererana intama Imana yamuragije.

8. Ibi byanatumye Leta y'u Rwanda, muri Nyakanga 2006, ibaha Umudari w'Ishimwe wa "Campain Against Genocide". Iyi myitwarire myiza ibaranga, Guverinoma y'u Rwanda yifuza ko yanaranga Abemera Imana bose, ndetse n'Abanyarwanda bose muri rusange. Imyifatire myiza inahura n'inyigisho za Yezu Kristu utwibutsa mu Ivanjili ya Yohani, ko *"Umushumba mwiza yigurana intama ze. Naho umucanshuro utari Umushumba ntabe na Nyir'intama, abona ikirura kije, agatererana intama agahunga; ikirura kikaziraramo kikazitatanya*".

- **Bayobozi b'Inzego z'Igihugu cyacu n'iza Kiriziya muri hano,**
- **Babyeyi, Bakirisitu, Bavandimwe ba Diyosezi ya Gikongoro,**

9. Yubile ni umwanya mwiza wo kwishimira ibyiza biba byaragezweho. Ni n'umwanya ariko wo kwinenga kubitaragenze neza, kubisabira Imana n'abantu imbabazi no gufata ingamba zo kubikosora.

10. Nabashimye mwe Bakirisitu ba Diyoseze ya Gikongoro, ko kuva muri Mutarama uyu mwaka, mwafashe umwanya wo kwisuzuma kandi mukiyemeza *"kwivugurura mu bukirisitu, mwihatira kuba abahamya ba Kristu aho muri hose"* mu Bufundu, muri Nyaruguru, mu Bunyambiriri, ndetse n'ahandi hose mutuye cyangwa mugenda.

11. Guverinoma y'u Rwanda irabasaba ko ibyo mwiyemeje mwazabishyira mu bikorwa. Nimubikora neza, muzaba mweze imbuto z'urumuri Imana yifuriza abayemera. Ibi ni nabyo dusanga mu ibaruwa Mutagatifu Pawulo yandikiye Abanyefezi, agira ati:

> *"Nimugenze nk'abana b'urumuri. Imbuto kandi y'urumuri ni ikitwa ubugiraneza cyose n'ubutungane n'ukuri. Nimushishoze mumenye ibishimisha Nyagasani. Mureke kugira uruhare mu bikorwa by'umwijima bitagira icyo bibyara, ahubwo mubyamagane".*

12. Gukorera mu rumuri ni nabyo byaranze ibiganiro byahuje Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame na Nyirubutungane Papa Francis, ubwo bahuriraga i Roma muri Vatikani, muri Werurwe uyu mwaka wa 2017. Urwo rumuri ntiruzazime, ni Urumuri rw'icyizere; Urumuri rwo guhindura amateka mabi yaranze bamwe mu Bakirisitu muri Jenoside yakorewe Abatutsi.

13. Abakiristu barasabwa gukomeza gushyigikira Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda, no kurwanya sekibi washaka kongera kudutanya. Ndi Umunyarwanda tuyikomereho, tuyiyumvemo twese. Ibyiza tumaze kugeraho tubiture Imana, Idushoboze kubirinda, kandi iduhe umugisha wo kubyongera no kubisangira twese mu mahoro.

14. Leta y'uRwanda yiyemeje gufatanya na Kiliziya Gatolika n'andi Madini n'Amatorero yose, muri Gahunda zose zituma Abanyarwanda barushaho gutera imbere no kugira imibereho myiza nka Mutuelle de Santé, Girinka, Amashuri y'incuke, Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, Amashuri y'Imyuga, ndetse na za Kaminuza, Amashanyarazi, Amazi meza, Isuku, Guhinga no Korora kijyambere, Imirire myiza y'abana, kuzigamira ejo hazaza; no kurwanya ubukene.

15. Turasaba Amadini n'Amatorero yose kandi kurushaho kugira uruhare mu guharanira ko Umuryango uba igicumbi cy'uburere bwiza, igicumbi cy'indangagaciro z'umuco nyarwanda, isoko y'umutekano wa roho n'umubiri mu ngo, mu baturanyi, no mu Miryangoremezo yose. Arasabwa by'umwihariko gushishikariza Abayoboke bayo kugandukira umurimo ukozwe neza, kuko ariwo Imana Iheraho Itanga imigisha myinshi y'ubukire n'ubutungane.

16. Abazaba abanebwe, bagasengera Imana ku ishyiga, Izabasiga ivu. Umukirisitu mwiza arakora cyane, agatera imbere, agahora afite Mituelle de Santé, agatanga amaturo y'Imana, kandi agatanga n'imisoro ya Leta.

- **Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'igihugu,**
- **Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Amajyepfo,**
- **Ba Nyiricyubahiro Abepisikopi mwese muri hano,**
- **Bayobozi b'Inzego zitandukanye,**
- **Babyeyi, Bavandimwe, Bakirisitu ba Diyosezi ya Gikongoro,**

17. Ndagira ngo nsoze iri jambo mwari mwampaye. Nongeye kwifuriza Abakirisitu ba Diyoseze ya Gikongoro Yubile Nziza y'imyaka 25 Diyoseze yanyu imaze ishinzwe. Nongeye kandi no kwifuriza Nyicyubahiro Musenyeri Selesitini Hakizimana Yubile Nziza y'imyaka 25 amaze mu busaseridoti. Ndabifuriza ibyiza byinshi mu myaka 25 iri imbere hamwe n'Abakirisitu bose b'iyi Diyoseze ya Gikongoro muyoborana ubushishozi n'ubwitange.

18. Ndabizeza kandi ko ubutumwa mwampaye ngo ngeze kuri Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame, mpagarariye muri ibi birori, nza kubumugezaho n'ishema ryinshi. Mu minsi ya vuba kandi aziyizira kubaramutsa hano iwanyu, kugira ngo mukomeze igihango mufitanye cy'ukwemera, urukundo, umutekano n'iterambere kuri bose.

Mugire Yubile Nziza,

Imana y'i Rwanda Ibarinde,

Murakoze, Murakarama